REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 13, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA MBERE GICURASI (01-10) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Gicurasi, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Gicurasi 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 10, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Busogo mu Karere ka Musanze hapimwe milimetero 151.3. Ahapimwe imvura nke ni mu Mujyi wa Kigali, ku bupimiro bwa Gitega mu Karere ka Nyarugenge ingana na milimetero 3.8; Intara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo, ndetse n'iy'Iburengerazuba niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane ugereranyije n'iminsi icumi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi(°C ) 20.1 muri Gicumbi na 30.3°C mu Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 12.7°C ku bupimiro bwa Musanze na 19.6°C ku bupimiro bwa Bugarama.





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gicurasi 2020.

## 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gicurasi 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi y'igice cya mbere cyari hagati ya milimetero 3.8 na milimetero 151.3. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru (151.3mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Gitega mu karere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali hapimwe milimetero 3.8.





*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura muri mm*

## 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gicurasi

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gicurasi.

Ubusanzwe iki igice cya Gicurasi kigusha imvura iri hagati ya milimetero 23.2 na 66.1; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu Ntara y'Amajyaruguru niy'Amajyepfo. Mu mujyi wa Kigali niho habonetse imvura nke cyane.




*Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Gicurasi*


## 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Gicurasi 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi ibiri n'iminsi umunani (2-8) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yari hagati y'iminsi 4 n'iminsi 6. Iminsi mike yabaye 2 ku bupimiro bwa Gitega, Ngoma na Kawangire naho iminsi myinshi yabaye 8 ku bupimiro bwa Busogo na Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru.




*Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ikarita ya 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Gicurasi 2020 bwiyongereye cyane cyane bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya kabiri cya Gicurasi bitewe n'uko imvura izakomeza kugwa mu gice cya kabiri cya Gicurasi.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu Ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 20.1 na 26.8 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.3.




*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi $12.7^{0}C$ (Musanze) na Dogere Selisiyusi $19.6^{0}C$ (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.





*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi (tariki 11-20) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije igice cya mbere (1-10) cya Gicurasi n'igice cya kabiri (11-20) cya Gicurasi 2020, hateganyijwe ko imvura izagabanuka mu gice cya kabiri cya Gicurasi 2020. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 20 na 100. Mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro, Nyamagabe, igice cy'Akarere ka Ngororero n'inkengero z'ishyamba rya Nyungwe mu Turere twa Nyaruguru, Nyamasheke na Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 ari naho hateganyijwe imvura nyinshi mu minsi icumi iri imbere. Mu Ntara y'Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali no mu turere dusigaye tw'Intara y'Iburengerazuba n'Intara y'Amajyepfo, hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80. Intara y'Iburasirazuba no mu gice cy'Amayaga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60 ariko mu burasirazuba bw'Uturere twa Nyagatare, Gatsibo na Kayonza hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40 akaba ari nayo mvura nke iteganyijwe muri iyi minsi icumi. Imvura iteganyijwe kuzagwa cyane cyane hagati y'itariki ya 11 na 16 Gicurasi. Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku kuyayuka kw'amazi mu Kiyaga cya Victoria ndetse no mu ishyamba rya Congo, hakiyongeraho Ikiyaga cya Kivu ndetse n'ishyamba rya Nyungwe.




*Ikarita ya 7: Iteganyagihe ry'imvura mugice cya kabiri cya Gicurasi*

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko imvura izakomeza kuboneka mu gice cya kabiri cya Gicurasi 2020 (tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gukora imirimo y'ubuhinzi ndetse bakomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.